

Bakunze kubazwa ibibazo bijyanye n'urukingo rw'abana rwa COVID-19



Ni ikibazo k' umwana wanjye kwakira urukingo rwa COVID-19 icyarimwe n'izindi nkingo?

Oya, abana n'ingimbi barashobora gufata Urukingo rwa COVID-19 n'izindi nkingo icyarimwe. Kubabara abana bashobora kubabara igice cyaho yakingiwe (aho bajombye urukingo)ariko, ugomba gutekereza kumubare w'inkingo ushaka ko umwana wawe agira icyarimwe.

Ni izihe ngaruka mbi zakagombye kumpangayikisha nyuma yuko umwana wanjye afashe urukingo?

Urukingo urwo arirwo rwose rushobora gutera ingaruka. Ibi mu bisanzwe ni ibito (urugero, kubabara ukuboko,cyangwa umuriro wo mu rwego rwo hasi)hanyuma bikagenda mu minsi mike .Urukingo rwa COVID-19 ntaho rutandukaniye .Niba umwana wawe afite kimwe muribi bikurikira nyuma yo gufata urukingo rwabo , ariko, ugomba guhamagara cyangwa usure umuganga:

- Guhumeka vuba cyangwa kugira ikibazo cyo guhumeka
- Kubabara mu gatuza
- Umutima utera byihuse cyangwa utera bidasanze
- Gucika intege
- Umuriro mwinshi hamwe no gutwikwa mu mutima cyangwa gutitira (igicuri)
- Kubyimba ururimi cyangwa umuhogo Guhubuka cyangwa imitiba ku mubiri we

Umwana wanjye akwiye gufata urukingo niba agira ikibazo ku bintu runaka (allergies)?

Abana bagira allergie yibyo kurya ,ibiva ku mata cyangwa ibintu bidukikije (amabyi,amatungo,kurumwa n'udukoko,n'ibindi.)barashobora gufata urukingo rwa COVID-19 .Ingaruka zikomeye za allergique ku rukingo rwa COVID-19 zabaye gake cyane cyane mu bana.

Umwana wanjye azakora ikindi kintu nyuma yo guhabwa urukingo?

Umwana wawe birashoboka ko yinubira ko ukuboko kwe kubabara aho bajombye urukingo. Bashobora kandi kumva bananiwe, badashaka kurya no kurakara no kurira kuruta uko byari bisanzwe .ibi ntibigomba kumara umunsi urenze.

KKuki umwana wanjye agomba gufata urukingo rwa COVID-19?

Gukingiza abana bibarinda iyo bitabira kuja aharererwa abana ,ishuri, n'ibindi bikorwa. Biragoye kumenya uko umubiri w'umwana uzitwara niba wanduye COVID-19. Abana benshi bamererwa neza, ariko bamwe bararwara cyane kandi bakeneye kujyanwa kwa muganga . Kubona urukingo ni inzira nziza yo gufasha gukumira ibi.

Ni irihe tandukaniro riri hagati y'inkingo ebyeri ku bana bari muni y'imyaka 5?

Inkingo zombi byagaragaye ko zifite akamaro mu gukumira indwara ya COVID-19. Itandukaniro nyamukuru nuko urukingo rwa Pfizer ari doze eshatu (3) naho urukingo rwa Moderna ni doze ebyiri (2) .Amahitamo y'ingenzi ni ayo gukingira umwana wawe.

Urukingo rwa COVID-19 ruzagira ingaruka ku mwana wanjye niba arwaye diyabete cyangwa indwara ya selile umuhoro(diripanositose)?

Nta kimenyetso cyerekana ko urukingo rwa COVID-19 rugira ingaruka mbi kubana barwaye diyabete cyangwa indwara zifata umuhoro Mu by'ukuri ni ngombwa cyane cyane kubana bafite ibi bihe gukingirwa kuko bakunze kurwara bikabije iyo banduye COVID-19.

Umwana wanjye afite imyaka 4. Nkwiye gutegereza kugera kubafite imyaka 5 kugirango bakingirwe urukingo rwab'imyaka 5-11?

Bisaba igihe runaka kugirango ufatwe nkurinzwe byuzuye nyuma yo gukingirwa (ibyumweru 6 ku rukingo rwa Moderna n'ibyumweru 13 kurukingo rwa Pfizer). Kugirango umwana wawe arindwe byimazeyo byihuse, nibyiza kudategereza no kubakingira nonaha.